

RWANDA / JUDGMENT

Karenzi v Rwabuneza

RCA00034/2023/HC/RWG

COURT

High Court

DECIDED

16 October 2023

CASE / FILE NUMBER

RCA00034/2023/HC/RWG

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

Karenzi v Rwabuneza

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2023-10-16
- Case/document no.: RCA00034/2023/HC/RWG
- Collection: High Court

Text

Page 1

KARENZI vs RWABUNEZA N'UNDI. [Rwanda URUKIKO RUKURU – RCA00034/2023/HC/RWG (Uwimana P.J.) 16 Ukwakira 2023] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Ikirego kihutirwa – ikirego gisaba ihagarikwa ry'irangiza rubanza – Ikirego kihutirwa cyo guhagarika irangizwa ry'urubanza gitangwa n'uwatanze ikirego cy'iremezo.

Incamake

y'ikibazo: Uru

rubanza

rujyanye

n'irangiza

ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma haburana Karenzi na Rwabuneza, rwategetse Rwabuneza kwishyura amafaranga atandukanye ajyanye n'agaciro k'ibikoresho bitandukanye kangana 14.393.000Frw no kwishyura indishyi zitandukanye. Rwabuneza yararujuririye ariko ikirego cye nticyakirwa ngo gisuzumwe mu mizi. urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma rwabaye

Itegeko ariko Mukamusoni yatanze ikirego RC00014/2023/TGI/NGOMA arega Rwabuneza na Karenzi atambamira urwo rubanza, hagati aho, hatangira imihango y'irangizwa ryarwo, Rwabuneza asabwa kugira ibyo yubahiriza. Rwabuneza yongeye gutanga ikirego asaba guhagarika irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma, muri urwo rubanza hemezwa ko irangizwa ryurwo rubanza riba rihagaze hakabanza gucibwa urubanza RC00014/2023/TGI/Ngoma. Karenzi ntiyanyuzwe n'imikirize yurwo rubanza arujurira mu Rukiko Rukuru urugereko rwa Rwamagana urubanza ruhabwa numero RCA00034/2023/HC/RWG, Karenzi avuga ko ikirego cyatanze na Rwabuneza kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe, kuko ibyo yasabaga byo guhagarikisha irangizwa ry'urubanza byari binyuranyije n'amategeko kuko nta kirego cy'iremezo yari afite yari gushingiraho asaba ko irangizwa ry'urubanza yatsinzwemo ryaba rihagaze kandi urubanza rwarabaye ndakuka, avuga ko agomba guhabwa ibyo yatsindiye kuko ngo ibikorwa na Rwabuneza ari uburyo bwo gukomeza gufobya ubutabera, atanga n'imanza babishingiraho zaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire n'urukiko Rukuru. Akaba abisabira indishyi zo gushorwa mu manza. Rwabuneza avuga ko ikirego cye cyagombaga kwakirwa kigasuzumwa, avuga ko imanza Karenzi ashingiraho zitakwifashishwa muri uru rubanza kuko zidahura n'ikiburanwa. Mukamusoni we avuga ko ikirego kihutirwa cyatanze na Rwabuneza cyari gikwiriye kwakirwa kuko cyari gishamikiye ku kindi. Incamake y'icyemezo: Ikirego kihutirwa cyo guhagarika irangizwa ry'urubanza gitangwa n'uwatanzwe ikirego cy'iremezo. Bityo, ntabwo umuburanyi yashingira ku kirego cyatanze n'uwatambamiye urubanza ngo asabe mu kirego kihutirwa ko irangiza rubanza rihagarara. Ikirego cyo guhagarika irangiza rubanza mu Rukiko Rwisumbuye ntiyagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe. Amategeko yashingiweho:

Page 2

Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 158, 165 Imanza zifashishijwe: Urubanza RCOM 0011/13/CS, BEN BENZINGE vs Natural Resources Development Rwanda Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'ikirenga ku wa 10/01/2013 Urubanza RCOMA 00006/2022/CA, MUHIMPUNDU Rosine vs NZIRORERA Cyprien rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 23/05/2022, igika 18 Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma rwaciwe kuwa 10/02/2022 haburana Karenzi Jean Bosco na Rwabuneza Théoneste, rukaba rwari ubujurire bw'urubanza RC00149/2020/TB/KGRO aho rwatangiye Karenzi Jean Bosco arega Rwabuneza Théoneste gusubizwa agaciro k'ibikoresho bitandukanye kangana na miliyoni cumi n'enye n'ibihumbi magana atatu mirongo icyenda na bitatu (14.393.000Frw), indishyi zingana na miliyoni ebyiri (2.000.000Frw), Igihembo cy'Avoka kingana n'ibihum bi magana atanu (500.000Frw) ikurikiranarubanza ringana n'ibihumbi magana abiri (200.000Frw), umuhesha w'inkiko ibihumbi ijana (100.000Frw); rwaje no kujuririrwa na Rwabuneza Théoneste mu rubanza RCAA00005/2022/HC/RWG, ntiyakirwa ngo gisuzumwe mu mizi; [2] urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma rwaje kuba itegeko, Mukamusoni Anastasie yatanze ikirego RC00014/2023/TGI/NGOMA arega Rwabuneza Théoneste na Karenzi Jean Bosco atambamira urwo rubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma, kuwa 13/06/2023 hatangira imihango y'irangizwa ryarwo, Rwabuneza Theoneste asabwa kugira ibyo yubahiriza. Rwabuneza Theoneste atanga ikirego mu

rubanza RC00076/2023/TGI/NGOMA rwaciwe ku wa 05/09/2023 asaba guharika irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/Ngoma, hemezwa ko irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA riba rihagaze hakabanza gucibwa urubanza RC00014/2023/TGI/Ngoma. [3] Karenzi Jean Bosco yarajuriye muri uru rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana urubanza ruhabwa numero RCA00034/2023/HC/RWG, ruburanishwa ku wa 09/10/2023, Karenzi Jean Bosco ahagarariwe na Me Mberabagabo, Rwabuneza Théoneste ahagarariwe na Me Twizerimana Theophile, Mukamusoni Anastasie ahagarariwe na Me Ndayiragije Tharcisse. [4] Mu myanzuro no mu miburanire, uburanira Karenzi Jean Bosco avuga ko ku rwego rwa mbere uwo aburanira yagaragaje ko ikirego cyatanzwe na Rwabuneza Théoneste kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe, kuko ibyo yasabaga byo guhagarikisha irangizwa ry'urubanza byari binyuranyije n'amategeko kuko nta kirego cy'iremezo yari afite akaba ntaho yahera asaba ko irangizwa ry'urubanza yatsinzwemo ryaba rihagaze kandi urubanza rwarabaye ndakuka, ko babishingiraga no ku manza zitandukanye zaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire n'urukiko Rukuru, kandi ko cyagombaga no gutangwa mu rukiko rw'Ibanze rw'aho irangizwa ry'urubanza rizakorera, izo nzitizi zikaba zarirengagijwe, kandi ko atari Karenzi wagomba kuregwa kuko urubanza ruri kurangizwa n'Umuhesha w'inkiko, ko gutambamira urubanza bitarubuza kurangizwa Karenzi Jean Bosco wahawe ubutabera agomba guhabwa ibyo yatsindiye kuko

Page 3

ibikorwa na Rwabuneza Théoneste ari uburyo bwo gukomeza gupfobya ubutabera bwahawe Karenzi, akaba abisabira indishyi zo gushorwa mu manza. [5] Uburanira Rwabuneza Théoneste avuga ko ikirego cy'uwo aburanira cyagombaga kwakirwa kigasuzumwa, kubera ko umushingamategeko yateganyije ko irangiza ry'urubanza rihagarikwa bisabwe n'umuburanyi ariko ko atagaragaje niba umuburanyi uvugwa ari uwatanze ikirego gusa, ko asanga imanza Karenzi ashingiraho zitakwifashishwa muri uru rubanza kuko zidahura n'ikiburanwa, kandi ko ariwe wagombaga kuregwa kuko ariwe wahaye ububasha (Mandat) Me Ndasane Delphin nk'uko bigaragazwa n'inyandiko isaba ugomba kwishyura kugaragaza umutungo ugomba gufatirwa yo kuwa 13/06/2023, ko indishyi urega asaba nta shingiro zifite, ko Rwabuneza Théoneste ariwe wahabwa amafaranga y'igihembo cy'avoka. [6] Uburanira Mukamusoni Anastasie avuga ko ikirego kihutirwa cyatanzwe na Rwabuneza Théoneste cyari gikwiriye kwakirwa kuko cyari gishamikiye ku kindi bari batangije gushyira mu bikorwa, ko iyo kurangiza urubanza bikomeza hanyuma urubanza rukaburanishwa mu gihe rwategeka ko uwatanze ikirego cyihutirwa atsinzwe yari gusanga ikiburanwa kitagihari, kandi ko byasabwe n'umuburanyi bikanategakwa n'urukiko nk'uko amategeko abiteganyaga. [7] Muri uru rubanza harasuzumwa niba: ikirego cyatanzwe na Rwabuneza Théoneste ku rwego rwa mbere cyo gusaba ko irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA riba rihagaze cyari kwakirwa kigasuzumwa. indishyi zo gushorwa mu manza n'igihembo cy'avoka bisabwa na Karenzi Jean Bosco na Rwabuneza Théoneste bifite ishingiro. II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO A.Kumenya niba ikirego cyatanzwe na Rwabuneza Théoneste ku rwego rwa mbere cyo gusaba ko irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA riba rihagaze cyari kwakirwa kigasuzumwa. [8] Uburanira Karenzi Jean Bosco avuga ko ku rwego rwa mbere uwo aburanira yagaragaje ko ikirego cyatanzwe na Rwabuneza Théoneste

kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe, kuko ibyo yasabaga byo guhagarikisha irangizwa ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA byari binyuranyije n'amategeko kuko nta kirego cy'iremezo yari afite akaba ntaho yahera asaba ko irangizwa ry'urubanza yatsinzwemo ryaba rihagaze kandi urubanza rwarabaye ndakuka ruza gutambamirwa na Mukamusoni Anastasie mu kirego RC00014/2023/TGI/NGOMA, Rwabuneza nawe akaba aregwa muri icyo kirego; [9] ko babishingiraga no ku manza zitandukanye ku rubanza RCOMA00006/2022/CA rwaciwe kuwa 23/05/2022 guhera mu gika cya 13 kugeza mu gika cya 23 urukiko rwagiye rubisobanura kandi ko mu gika cyarwo cya 15 hagendewe no ku murongo watanze n'urukiko rw'Ikirenga muru banza RCOM0011/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 10/01/2013 haburana Ben Benzinge na Natural Resources Development Rwanda Ltd, ari rwo Muhimpundu Rosine yashingiyeho asaba Urukiko kutakira ikirego cyihutirwa cyatanze na Nzirodera Cyprien uregwa mu bujirire bw'urubanza mu mizi kubera ko uregwa atemerewe gutanga ikirego cyihutirwa;

Page 4

[10] muri urwo rubanza Urukiko rw'Ikirenga rwasuzumye niba ikirego kihutirwa cyatanze na Ben Benzinge cyakwakirwa mu gihe atari we watanze ikirego cy'iremezo, maze rwemeza ko mu gihe Ben Benzinge (waregwaga mu bujirire) nta kirego cy'iremezo afite mu Rukiko rw'Ikirenga, ikirego cyihutirwa yatanze kitagomba kwakirwa kuko cyatanze mu buryo bunyuranye n'ibiteganywa n'amategeko, ko ari nako byemejwe mu rubanza RP/ECON 00007/2022/HC/KIG rwaciwe kuwa 21/12/2022, byose bikaba byarirengagijwe ku rwego rwa mbere bakaba basaba ko amategeko n'imirongo yatanze byakubahirizwa, ibyo Rwabuneza Theoneste yasaba ntibyakirwe urubanza rujuririrwa rugateshwa agaciro. [11] Uburanira Rwabuneza Théoneste avuga ko ikirego cy'uwo aburanira cyagombaga kwakirwa kigasuzumwa, kubera ko Rwabuneza Theoneste yatanze ikirego gisaba guhagarika irangiza ry'urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA ashingiye ku byo umushingamategeko yateganyije mu ngingo ya 165 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruza, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "Ikirego cy'iremezo kigamije gutambamira urubanza gitangwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza rusabirwa gusubirwamo. Gutambamira urubanza rwaciye ntibihagarika irangiza ryarwo, keretse iyo rihagaritswe n'urukiko rwaregwe, bisabwe n'umuburanyi", ko kuba umushingamategeko yateganyije ko irangiza ry'urubanza rihagarikwa bisabwe n'umuburanyi ariko ntagaragaze niba umuburanyi uvugwa mu ngingo yavuzwe ari uwatanze ikirego gusa, asanga umuburanyi wese mu rubanza rwatambamiwe yemerewe gutanga ikirego gisaba guhagarika irangiza ry'urwo rubanza cyane ko gutambamira urubanza ari inzira zidasanzwe zigomba no gutanga amahirwe adasanzwe ku baburanyi bose nk'uko umushingamategeko yabiteganyije, ko imanza urega avuga ko zabitanzeho umurongo zitakoreshwa muri uru rubanza kubera ko bidahura kuko zo zivugaga gusa kubyo umushingamategeko yateganyije mu ngingo ya 185 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruza, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. [12] Uburanira Mukamusoni Anastasie avuga ko ikirego kihutirwa cyatanze na Rwabuneza Theoneste cyari gikwiriye kwakirwa kigasuzumwa kuko

irangizwa ry'urubanza ritahagaritswe no kuba Mukamusoni yaratambamiye urubanza ahubwo ryahagaritswe kuko hari ikirego kihutirwa gishamikiye kuriryo tambama urukiko rero mu nyungu z'ubutabera ndetse harebwe na kamere y'ikiburanwa rwemeje ko ikirego cyihutirwa gifite ishingiro, ko iyo bidakorwa gutyo byari kuzatera impaka z'urudaca, Mukamusoni Anastasie akabura umutungo we, kandi ko byasabwe n'umuburanyi bikanategekwa n'urukiko nk'uko amategeko abiteganyaga. UKO URUKIKO RUBIBONA [13] Ibirebana n'umuburanyi ugomba gutanga ikirego kihutirwa byafashweho umurongo mu rubanza RCOM0011/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'ikirenga ku wa 10/01/2013 haburana Ben Benzinge na Natural Resources Development Rwanda Ltd, ahasobanuwe ko Urukiko rw'ikirenga rwasuzumye niba ikirego kihutirwa cyatanze na Ben Benzinge cyakwirwa mu gihe atari we watanze ikirego cy'iremezo, maze rwemeza ko mu gihe Ben Benzinge (waregwaye mu bujirire) nta kirego cy'iremezo afite mu Rukiko rw'ikirenga, ikirego kihutirwa yatanze kitagomba kwakirwa kuko cyatanze mu buryo bunyuranye n'ibiteganywa n'amategeko, ni nako byemejwe mu rubanza RCOMA00006/2022/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, haburana Muhimpundu Rosine na Nzirorera Cyprien rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 23/05/2022 mu gika cyarwo cya 18, akaba ari nazo manza Karenzi Jean Bosco ashingiraho avuga ko ikirego kihutirwa cyatanze na Rwabuneza Théoneste kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe.

Page 5

- [14] Mu rubanza rujuriyirwa hasobanuwemo ko mu gusuzuma inzitizi hashingiwe ku ngingo ya 185 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruza, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ikirego cyitwa ko ari ikirego kihutirwa mu gihe hari urubanza rw'iremezo icyo kirego gishamikiyeho ariko rumaze kubona ko ikirego RWABUNEZA yaregeye urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma ari ikirego gisaba guhagarika irangizwa ry'urubanza mu gihe hategerejwe icyo ry'urundi rubanza rwatambamiye rusanga ubwacyo muri kamere yacyo ari ikirego kihutirwa bityo rukaba rusanga hashingiwe ku ngingo ya 165 y'iryo y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ikirego rwashyikirijwe na Rwabuneza gisaba guhagarika irangizarubanza gikwiye kwakirwa kigasuzumwa kuko gishingiye ku rubanza RC00014/2023/TGI/NGOMArwatambamiye urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA. [15] Urukiko Rukuru rusanga inzitizi yabyukijwe na Karenzi Jean Bosco yo kutakira ikirego kihutirwa cyatanze na Rwabuneza Théoneste kuko yagitanze nta kirego cy'iremezo afite bigomba guhabwa ishingiro, kubera ko ababuranyi ubwabo bemera ko ikirego cyatanze na Rwabuneza Théoneste ari ikirego kihutirwa kandi gishingiye ku rubanza RC00014/2023/TGI/NGOMA rwatambamiye urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA, byumvikana ko ikirego cy'iremezo gitambamira urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA cyatanze na MUKAMUSONI Anastasie, atari Rwabuneza Théoneste, ibyemejwe ku rwego rwa mbere bikaba bitaragombaga kwakirwa ngo bisuzumwe kuko nta kirego cy'iremezo Rwabuneza Théoneste yigeze atanga, akaba nta nyungu yari afite yo gutanga ikirego kihutirwa kuko cyagombaga kubahiriza amategeko n'imihango birebana n'ibirego byihutirwa nk'uko byatananzweho umurongo mu manza zavuzwe haruguru zaciwe

n'Urukiko rw'Ikirenga ndetse n'urw'Ubujurire; [16] ibyo Rwabuneza Théoneste avuga ko izo manza urega ashingiraho ntaho zihuriye n'uru kubera ko zo zivuga gusa kubyo umushingamategeko yateganyije mu ngingo ya 185 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsil, we akaba yarashingiye [17] ku ngingo ya 165 y'iryo tegeko itegenya ko Ikirego cy'iremezo kigamije gutambamira urubanza gitangwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza rusabirwa gusubirwamo. Gutambamira urubanza rwaciye ntibihagarika irangiza ryarwo, keretse iyo rihagaritswe n'urukiko rwaregewe, bisabwe n'umuburanyi", nawe akaba yari umuburanyi mu rubanza rutambamira urubanza RCA00045/2021/TGI/NGOMA nta shingiro byahabwa kubera ko ntaho bitandukaniye kuko muri izo manza zatanze umurongo hakemurwe ikibazo cyo kumenya umuburanyi utanga ikirego kihutirwa nk'uko byasobanurwe haruguru, mu gihe rero haba hariho ikirego gitambamira urubanza nk'uko nabo babyivugira, uwakabaye asaba ko irangizwa ry'urubanza rihagarara ari uwareze, kuko aricyo kirego cy'iremezo, atari uregwa kuko ikirego kihutirwa ari umuhango w'iburanisha utuma uwatanze ikirego cy'iremezo mu Rukiko agira ibyo asaba urwo Rukiko kugira ngo hafatwe icyemezo kihuse kigamije kurengera inyungu ze, ko uwo muhango rero uba utagenewe utaratanze icyo kirego cy'iremezo, bityo umuburanyi uba warezwe mu kirego cy'iremezo akaba atari we uvugwa ko atanga ikirego cyihutirwa; 1 Ingingo ya 185 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi itegnaye ko " Iyo hari ikirego cy'iremezo, ariko hagomba kugira icyemezwa by'agateganyo mu buryo bwihuta ku rubanza rwaregewe urukiko rutaraburanishwa, ikirego cyihutirwa gishyikirizwa umucamanza ushinze kurangiza impaka zihutirwa w'aho zigomba gukemurirwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'ihamagara. Ikirego cyihutirwa gitangwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego gisanzwe".

Page 6

- [18] Urukiko Rukuru rusanga kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma rwarakiriye ikirego nyamara rutaragombaga kucyakira, urubanza RC00076/2023/TGI/NGOMA rwo ku wa 05/09/2023 rwaciye n'urwo rukiko, rugomba guteshwa agaciro nk'uko biteganywa mu ngingo ya 158 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ko iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwararegewe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko cyangwa rwararegeye urukiko rudafite ububasha, nyamara urwo rukiko rukaba rwarafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira, urukiko rwajuririwe rwakira ubwo bujurire, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa; ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya; [19] hashingiye ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rusanga ikirego kihutirwa cyatanze na Rwabuneza Théoneste mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kitaragombaga kwakirwa, bityo urubanza RC00076/2023/TGI/NGOMA rwo ku wa 05/09/2023 rwaciye n'urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma ruteshejwe agaciro, bikaba bitakiri

ngombwa gusuzuma ibindi bibazo byagaragajwe muri uru rubanza uretse ibirebana n'indishyi n'igihembo cy'avoka bisabwa na Karenzi Jean Bosco na Rwabuneza Theoneste. B.Kumenya niba indishyi zo gushorwa mu manza n'igihembo cy'avoka bisabwa na Karenzi Jean Bosco na Rwabuneza Theoneste bifite ishingiro. [20] Uburanira Karenzi avuga ko uwo aburanira yashowe mu manza akaba asaba guhabwa indishyi zo kumushora mu manza atakabaye arimo zingana na miliyoni imwe (1.000.000Frw). [21] Uburanira Rwabuneza Theoneste avuga ko Karenzi Jean Bosco ariwe ukomeje gushora Rwabuneza Theoneste mu manza ku maherere, akaba ariwe ugomba kwishyura Rwabuneza amafaranga y'igihembo cy'avoka kingana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda(1.000.000Frw). UKO URUKIKO RUBIBONA [22] Urukiko rusanga amafaranga y'indishyi zo gushorwa mu manza zisabwa na Karenzi Jean Bosco nta mpamvu yayo mu bushishozi bw'urukiko, naho igihembo cy'avoka gisabwa na Rwabuneza Theoneste nta shingiro ryacyo kuko ikirego cye kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [23] Rwemeje ko ikirego kihutirwa cyatanzwe na RWABUNEZA Théoneste mu rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe. [24] Rwemeje ko urubanza RC00076/2023/TGI/NGOMA rwo ku wa 05/09/2023 ruteshejwe agaciro. [25] Rutegetse Rwabuneza Théoneste gusubiza Karenzi Jean Bosco amafaranga ibihumbi mirongo ine (40.000Frw) yatanze ajurira.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7237/7520>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/karenzi-jean-bosco-v-rwabuneza-th%C3%A9oneste-urgentapplications-high-court-2023--6a3ea5223b1caa912981888c>

Prepared on 13 October 2026 · Esheria